**Umwaka wa 64**
**Igazeti ya Leta n° Idasanzwe ter yo ku wa 22/01/2025**

**Year 64**
**Official Gazette n° Special ter of 22/01/2025**

**64ème Année**
**Journal Officiel n° Spécial ter du 22/01/2025**

## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup*

### A. *Itegeko/ Law/ Loi*

**Itegeko n° 002/2025 ryo ku wa 22/01/2025** rihindura Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari........................................................2

**Law nº 002/2025 of 22/01/2025** amending Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre……………………………………………………………..2

**Loi nº 002/2025 du 22/01/2025** modifiant la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier………………………………………………………………...2

### B. *Iteka rya Minisitiri w'Intebe/ Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre*

**Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 001/03 ryo ku wa 22/01/2025** rigenga Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba.........................................................................................32

**Prime Minister's Order n° 001/03 of 22/01/2025** governing the National Counter-Terrorism Committee…………………………………………………………………………………32

**Arrêté du Premier Ministre n° 001/03 du 22/01/2025** régissant le Comité national de lutte contre le terrorisme………………………………………………………………...32

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 001/03 RYO KU WA 22/01/2025 RIGENGA KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE KURWANYA ITERABWOBA** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 001/03 OF 22/01/2025 GOVERNING THE NATIONAL COUNTER-TERRORISM COMMITTEE** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 001/03 DU 22/01/2025 RÉGISSANT LE COMITÉ NATIONAL DE LUTTE CONTRE LE TERRORISME** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier : Objet du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Isobanura** | **Article 2: Interpretation** | **Article 2 : Interprétation** |
| **Ingingo ya 3: Abagize Komite** | **Article 3: Composition of the Committee** | **Article 3 : Composition du Comité** |
| **Ingingo ya 4: Inshingano za Komite** | **Article 4: Responsibilities of the Committee** | **Article 4 : Attributions du Comité** |
| **Ingingo ya 5: Ububasha bwa Komite** | **Article 5: Powers of the Committee** | **Article 5 : Pouvoirs du Comité** |
| **Ingingo ya 6: Itumizwa ry'inama ya Komite** | **Article 6: Convening the meeting of the Committee** | **Article 6 : Convocation de la réunion du Comité** |
| **Ingingo ya 7: Iterana ry'inama ya Komite** | **Article 7: Holding of a meeting of the Committee** | **Article 7 : Tenue de la réunion du Comité** |
| **Ingingo ya 8: Ibishingirwaho mu gushyira ku rutonde** | **Article 8: Designation criteria** | **Article 8 : Critères de désignation** |
| **Ingingo ya 9: Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga bwo gushyira ku rutonde** | **Article 9: Request of a foreign country for designation** | **Article 9 : Demande de désignation par un pays étranger** |
| **Ingingo ya 10: Ubusabe bw'u Rwanda ku gihugu cy'amahanga bwo gushyira ku rutonde** | **Article 10: Request of Rwanda to a foreign country for designation** | **Article 10 : Demande de désignation auprès d'un pays étranger par le Rwanda** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Gutangaza no kumenyekanisha urutonde rw'Igihugu** | **<u>Article 11</u>: Publication and dissemination of domestic list** | **<u>Article 11</u> : Publication et communication de la liste nationale** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Kumenyesha umuntu washyizwe ku rutonde** | **<u>Article12</u>: Notifying a designated person** | **<u>Article 12</u> : Notifier la personne désignée** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Gutakamba no kwiyambaza inkiko** | **<u>Article 13</u>: Appeal for reconsideration and judicial review** | **<u>Article 13</u> : Recours en réexamen et recours à la juridiction** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Gusiba ku rutonde rw'Igihugu** | **<u>Article 14</u>: Domestic delisting** | **<u>Article 14</u> : Radiation sur la liste nationale** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Kumenyekanisha urutonde rw'ibihano** | **<u>Article 15</u>: Dissemination of the sanctions list** | **<u>Article 15</u> : Diffusion de la liste des sanctions** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Ubusabe bwo gushyira ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye** | **<u>Article 16</u>: Proposal for designation on the United Nations Sanctions list** | **<u>Article 16</u> : Proposition de désignation sur la liste des sanctions des Nations Unies** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Kumenyesha uwashyizwe ku rutonde** | **<u>Article 17</u>: Notification of designation** | **<u>Article 17</u> : Notification de la désignation** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ubusabe bwo gusibwa ku rutonde** | **<u>Article 18</u>: Request for delisting** | **<u>Article 18</u> : Demande de radiation** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ubusabe bwo gusiba ku rutonde umuntu wapfuye** | **<u>Article 19</u>: Delisting request for a dead person** | **<u>Article 19</u> : Demande de radiation d'une personne décédée** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Gutangaza, kumenyesha no kumenyekanisha ugusibwa ku rutonde** | **<u>Article 20</u>: Publication, notification and dissemination of delisting** | **<u>Article 20</u> : Publication, notification et diffusion de la radiation** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 21</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 21</u> : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ingingo y'ururimi**<br><br>**<u>Ingingo ya 23</u>: Ingingo ivanaho**<br><br>**<u>Ingingo ya 24</u>: Gutangira gukurikizwa** | **<u>Article 22</u>: Language provision**<br><br>**<u>Article 23</u>: Repealing provision**<br><br>**<u>Article 24</u>: Entry into force** | **<u>Article 22</u> : Disposition linguistique**<br><br>**<u>Article 23</u> : Disposition abrogatoire**<br><br>**<u>Article 24</u> : Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 001/03 RYO KU WA 22/01/2025 RIGENGA KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE KURWANYA ITERABWOBA** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 001/03 OF 22/01/2025 GOVERNING THE NATIONAL COUNTER-TERRORISM COMMITTEE** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 001/03 DU 22/01/2025 RÉGISSANT LE COMITÉ NATIONAL DE LUTTE CONTRE LE TERRORISME** |
| **Minisitiri w'Intebe;** | **The Prime Minister;** | **Le Premier Ministre ;** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; | Vu la Constitution de la République du Rwanda ; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya iterabwoba, nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 40*bis*; | Pursuant to Law nº 46/2018 of 13/08/2018 on counter terrorism, as amended, especially in Article 40*bis*; | Vu la Loi nº 46/2018 du 13/08/2018 relative à la lutte contre le terrorisme, telle que modifiée, spécialement en son article 40*bis* ; |
| Ashingiye ku Itegeko nº 028/2023 ryo ku wa 19/05/2023 ryerekeye gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; | Pursuant to Law nº 028/2023 of 19/05/2023 on the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, especially in Article 64; | Vu la Loi n° 028/2023 du 19/05/2023 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, spécialement en son article 64 ; |
| Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº 018/03 of 26/08/2021 rigenga Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba; | Having reviewed Prime Minister's Order nº 018/03 of 26/08/2021 governing the National Counter Terrorism Committee; | Revu l'Arrêté du Premier Ministre nº 018/03 du 26/08/2021 régissant le Comité national de lutte contre le terrorisme ; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta; | On proposal by the Minister of Justice and Attorney General; | Sur proposition du Ministre de la Justice et Garde des Sceaux ; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa | After consideration and approval by the | Après examen et adoption par le Conseil des |

| | | |
|---|---|---|
| 09/11/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | Cabinet, in its meeting of 09/11/2024; | Ministres, en sa séance du 09/11/2024 ; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE :** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rigena abagize Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba, imiterere, imikorere, inshingano n'ububasha byayo, yitwa « Komite » mu ngingo zikurikira. | This Order determines the composition, organisation, functioning, responsibilities and powers of the National Counter Terrorism Committee, hereinafter referred to as "Committee". | Le présent arrêté détermine la composition, l'organisation, le fonctionnement, les attributions et les pouvoirs du Comité national de lutte contre le terrorisme, ci-après dénommé « Comité ». |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Isobanura** | **<u>Article 2</u>: Interpretation** | **<u>Article 2</u> : Interprétation** |
| Muri iri teka – | In this Order – | Dans le présent arrêté – |
| (a) **«Urwego»** bivuga Urwego rushinzwe ubutasi ku mari; | (a) **"Centre"** means the Financial Intelligence Centre; | (a) **« Centre »** signifie le Centre de renseignement financier ; |
| (b) **« gusiba ku rutonde »** bivuga gusiba izina ry'umuntu ku rutonde rw'Igihugu cyangwa ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye; | (b) **"delisting"** means the removal of the name of a person from the domestic list or United Nations Sanctions list; | (b) **« radiation »** signifie effacer le nom d'une personne de la liste nationale ou de la liste des sanctions des Nations Unies ; |
| (c) **« umuntu washyizwe ku rutonde »** bivuga umuntu washyizwe ku rutonde rw'abaterabwoba n'abaterankunga b'iterabwoba hashingiwe ku mategeko y'Igihugu abigenga cyangwa ku myanzuro y'Akanama k'Umuryango | (c) **"designated person"** a person placed on the list of terrorists and terrorism financiers pursuant to relevant domestic Laws or United Nations Security Council Resolutions adopted under Chapter VII of the United Nations Charter; | (c) **« personne désigné »** signifie une personne inscrite sur la liste des terroristes et des financiers du terrorisme conformément à la législation nationale en la matière ou aux résolutions du Conseil de Sécurité des Nations Unies adoptées |

| | | |
|---|---|---|
| w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi yemejwe hakurikijwe umutwe wa VII cy'Amategeko Shingiro y'Umuryango w'Abibumbye; | | en vertu du Chapitre VII de la Charte des Nations Unies ; |
| (d) « **gushyira ku rutonde** » bivuga gushyira umuntu ku rutonde rw'Igihugu nk'umuterabwoba, umuntu cyangwa itsinda ry'abantu bakwirakwiza intwaro za kirimbuzi, abaterankunga b'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi cyangwa nk'abaterankunga b'iterabwoba cyangwa gushyira umuntu ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye bikozwe na Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano; | (d) **"designation"** means the listing of a person at domestic list as a terrorist, person or group of persons who proliferate weapons of mass destruction, financiers of proliferation of weapons of mass destruction or terrorism financiers or listing of a person on the United Nations Sanctions list by a United Nations Sanctions Committee; | (d) « **désignation** » signifie la désignation d'une personne à la liste nationale en tant que terroriste, personne ou groupes de personnes qui prolifèrent les armes de destruction massive, financiers de la prolifération des armes de destruction massive ou financiers du terrorisme ou la désignation d'une personne sur la liste des sanctions des Nations Unies par un Comité des sanctions des Nations Unies ; |
| (e) « **urutonde rw'Igihugu** » bivuga urutonde rw'abaterabwoba n'abaterankunga b'iterabwoba rwateguwe kandi rwemejwe na Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba; | (e) **"domestic list"** means the list of terrorists and terrorist financiers prepared and approved by the National Counter Terrorism Committee; | (e) « **liste nationale** » signifie la liste des terroristes et des financiers de terrorisme préparée et approuvée par le Comité national de lutte contre le terrorisme ; |
| (f) « **umutungo w'ubukungu** » bivuga umutungo w'ubwoko bwose, wimukanwa cyangwa utimukanwa, ufatika cyangwa udafatika, uriho cyangwa ushobora kubaho, utari amafaranga kandi ushobora gukoreshwa mu kubona amafaranga, | (f) **"economic resources"** means assets of every kind, whether movable or immovable, tangible or intangible, actual or potential, which are not funds and which may be used to obtain funds, goods or services; | (f) « **ressources économiques** » signifie les actifs de toute nature, meubles ou immeubles, corporels ou incorporels, réels ou potentiels, qui ne sont pas des fonds et qui peuvent être utilisés pour obtenir des fonds, des biens ou des services ; |

| | | |
|---|---|---|
| ibicuruzwa cyangwa serivisi; | | |
| (g) **« gushyira ku rutonde rusanzwe »** bivuga gushyira ku rutonde byakozwe cyangwa byategetswe n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbwe gashinzwe umutekano ku isi mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa; | (g) **"existing designation"** means a designation made by or under the authority of the United Nations Security Council prior to the coming into force of this Order; | (g) **« désignation existante »** signifie la désignation faite par le Conseil de sécurité des Nations Unies ou sous son autorité avant l'entrée en vigueur du présent arrêté ; |
| (h) **« imboni »** bivuga umuntu ushyizweho mu Bunyamabanga bw'Umuryango w'Abibumbye hashingiwe ku mwanzuro 1730 (2006) w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi; | (h) **"focal point"** means the focal point established within the United Nations Secretariat under the United Nations Security Council Resolution 1730 (2006); | (h) **« point focal »** signifie le point focal établi au sein du Secrétariat des Nations Unies en vertu de la résolution 1730 (2006) du Conseil de Sécurité des Nations Unies ; |
| (i) **«ako kanya»** bivuga bitarenze amasaha 24 nyuma yo gushyirwa ku rutonde; | (i) **"immediately"** means not later than 24 hours after a designation; | (i) **« immédiatement »** signifie au plus tard 24 heures après la désignation ; |
| (j) **« Ibiro by'Umuvunyi »** bivuga ibiro byashyizweho n'umwanzuro 1904 (2009) w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano kugira ngo hasuzumwe ibyifuzo by'abantu bashaka kuvanwa ku ntonde z'ibihano bya *ISIL* (*Daesh*) na *Al-Qaida*; | (j) **"Office of the Ombudsperson"** means the office created by the United Nations Security Council Resolution 1904 (2009) to review requests from designated persons seeking to be removed from the ISIL (Daesh) and Al-Qaida Sanctions List; | (j) **« Bureau du Médiateur »** signifie le bureau créé par la résolution 1904 (2009) du Conseil de sécurité des Nations Unies pour examiner les demandes des personnes désignées qui souhaitent être radiées de la liste des sanctions contre l'EIIL *(Daesh)* et *Al-Qaida* ; |
| (k) **« umuntu »** akubiyemo umuntu ku giti cye, ikigo gifite ubuzimagatozi, | (k) **"person"** includes natural person, legal person, legal arrangement, | (k) **« personne »** inclut la personne physique, la personne morale, la |

| | | |
|---|---|---|
| ubwumvikane bushingiye ku mategeko, itsinda, isosiyete cyangwa ikigo; | group, undertaking or entity; | construction juridique, le groupe, l'entreprise ou l'entité ; |
| (l) « **ibibujijwe** » bivuga kubuza gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo w'umuntu washyizwe ku rutonde no kubuza gushakira amafaranga cyangwa undi mutungo umuntu washyizwe ku rutonde; | (l) **"prohibitions"** means the prohibition to deal with the funds or other assets of a designated person and the prohibition to make funds or other assets available to a designated person; | (l) « **interdictions** » signifie l'interdiction de traiter les fonds ou autres actifs d'une personne désignée et l'interdiction de mettre des fonds ou d'autres actifs à la disposition de la personne désignée ; |
| (m) « **urutonde rw'ibihano** » bivuga urutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye cyangwa urutonde rw'Igihugu; | (m) **"sanctions list"** means a United Nations Sanctions list or domestic list; | (m) « **liste des sanctions** » signifie la liste des sanctions des Nations Unies ou la liste nationale ; |
| (n) « **urwego rugenzura** » bivuga urwego rushyiraho amabwiriza, rugenzura cyangwa rukurikirana imikorere y'abashinzwe gutanga amakuru; | (n) **"supervisory authority"** means the authority regulating, supervising, controlling or monitoring the functioning of reporting persons; | (n) « **autorité de contrôle** » signifie l'autorité qui règlemente, supervise, contrôle ou fait le suivi du fonctionnement des personnes déclarantes ; |
| (o) « **Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano** » bivuga urwego rwunganira rwashyizweho n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano kugira ngo rukore imirimo yarwo yashyizweho hakurikijwe imyanzuro y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi ishyiraho ingamba z'ibihano byo mu | (o) **"United Nations Sanctions Committee"** means a subsidiary organ established by the United Nations Security Council for the performance of its functions established pursuant to United Nations Security Council resolutions which impose targeted financial sanctions measures. | (o) « **Comité des sanctions des Nations Unies** » signifie un organe subsidiaire créé par le Conseil de sécurité des Nations Unies pour l'exercice de ses fonctions conformément aux résolutions du Conseil de sécurité des Nations Unies qui imposent des mesures de sanctions financières ciblées. |

| | | |
|---|---|---|
| rwego rw'imari byagenwe. | | |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Abagize Komite** | **<u>Article 3</u>: Composition of the Committee** | **<u>Article 3</u> : Composition du Comité** |
| Komite igizwe n'aba bakurikira: | The Committee is composed of the following members: | Le Comité est composé des membres suivants : |
| (a) Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano, Perezida; | (a) the Minister in charge of internal security, Chairperson; | (a) le Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions, le Président ; |
| (b) Umushinjacyaha Mukuru, Visi Perezida; | (b) the Prosecutor General, Vice Chairperson; | (b) le Procureur Général, le Vice-Président ; |
| (c) Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, Umwanditsi; | (c) the Director General of Financial Intelligence Centre, Rapporteur; | (c) Directeur Général du Centre de renseignement Financier, le Rapporteur ; |
| (d) Guverineri Wungirije wa Banki Nkuru y'u Rwanda; | (d) the Deputy Governor of the National Bank of Rwanda; | (d) le Vice-Gouverneur de la Banque Nationale du Rwanda ; |
| (e) Umuyobozi Mukuru w'Ibiro bishinzwe abinjira n'abasoka; | (e) the Director General of Immigration and Emigration; | (e) le Directeur Général de l'Immigration et Émigration ; |
| (f) Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ububanyi n' Amahanga n'Ubutwererane; | (f) the Permanent Secretary in the Ministry of Foreign Affairs and International Cooperation; | (f) le Secrétaire Permanent au sein du Ministère des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale ; |
| (g) Komiseri ushinzwe kurwanya iterabwoba muri Polisi y'u Rwanda; | (g) the Commissioner for Counter terrorism in Rwanda National Police; | (g) le Commissaire responsable de la lutte contre le terrorisme au sein de la Police Nationale du Rwanda ; |
| (h) ukuriye iperereza mu Ngabo z'u | (h) the Head of defence intelligence in the | (h) le Chef de renseignement de défense |

| | | |
|---|---|---|
| Rwanda. | Rwanda Defence Force. | au sein des Forces Rwandaises de Défense. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Inshingano za Komite** | **<u>Article 4</u>: Responsibilities of the Committee** | **<u>Article 4</u> : Attributions du Comité** |
| (1) Komite ifite inshingano zikurikira: | (1) The Committee has the following responsibilities: | (1) Le Comité a les attributions suivantes : |
| (a) gushyiraho ingamba zo kurwanya iterabwoba; | (a) to develop strategies for counter terrorism; | (a) développer les stratégies de lutte contre le terrorisme ; |
| (b) gutangaza urutonde rw'Igihugu; | (b) to publish the domestic list; | (b) publier la liste nationale ; |
| (c) kugaragaza umuntu wujuje ibisabwa kugira ngo ashyirwe ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye; | (c) to identify a person that meets the listing criteria for designation on the United Nations Sanctions list; | (c) identifier une personne répondant aux critères de désignation sur la liste des sanctions des Nations Unies ; |
| (d) gusaba Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano gushyira ku rutonde; | (d) to make proposals to the United Nations Sanctions Committee for the designation; | (d) faire des propositions au Comité des Sanctions des Nations Unies pour la désignation ; |
| (e) gusaba ikindi gihugu gushyira ku rutonde; | (e) to request another country to make a designation; | (e) demander à un autre pays de faire une désignation ; |
| (f) gusuzuma ubusabe bw'igihugu cy'amahanga bwo gushyira ku rutonde; | (f) to consider foreign country requests for designation; | (f) examiner les demandes de désignation d'un pays étranger ; |
| (g) gusuzuma ubusabe bwo gusiba ku rutonde; | (g) to consider requests for delisting; | (g) examiner les demandes de radiation ; |

| | | |
|---|---|---|
| (h) gusuzuma no kuvugurura urutonde rw'Igihugu, iyo bibaye ngombwa; | (h) to review and update the domestic list, where applicable; | (h) réviser et mettre à jour la liste nationale, le cas échéant ; |
| (i) gutangariza rubanda amakuru mashya yerekeye gushyira ku rutonde no gusiba ku rutonde; | (i) to issue a public notice on updates related to designation and delisting; | (i) publier un avis public sur les mises à jour relatives à la désignation et à la radiation ; |
| (j) guharanira ishyirwa mu bikorwa ry'ibihano byo mu rwego rw'imari byagenwe byerekeye iterabwoba, gutera inkunga iterabwoba, ikwirakwizwa ry'intwaro za kirimbuzi no kuritera inkunga. | (j) to ensure the implementation of targeted financial sanctions related to terrorism, terrorist financing, proliferation of weapons of mass destruction and its financing. | (j) assurer la mise en œuvre de sanctions financières ciblées liées au terrorisme, au financement du terrorisme, à la prolifération des armes de destruction massive et à son financement. |
| (2) Komite ishobora gushyiraho amatsinda mu bayigize iyo ibona ari ngombwa kugira ngo ayifashe kurangiza inshingano zayo. | (2) The Committee may set up subcommittees if it considers necessary to assist it in the discharge of its functions. | (2) Le Comité peut créer les sous-comités lorsqu'il le juge nécessaire pour l'assister dans l'exercice de ses fonctions. |
| (3) Komite ishobora kandi gushyira mu itsinda yashyizeho, undi muntu wo kuribamo, kurigiramo uruhare, ubumenyi bwe cyangwa ubuhanga bwe ari ngombwa mu kuyifasha kurangiza inshingano zayo. | (3) The Committee may co-opt, into a subcommittee, any other person whose presence, participation, knowledge or skills are necessary to assist it in the discharge of its functions. | (3) Le Comité peut coopter, dans un sous-comité, une autre personne dont la présence, la participation, les connaissances ou les compétences sont nécessaires pour l'assister dans l'exercice de ses fonctions. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Ububasha bwa Komite** | **<u>Article 5</u>: Powers of the Committee** | **<u>Article 5</u> : Pouvoirs du Comité** |
| (1) Komite ifite ububasha bukurikira: | (1) The Committee has the following powers: | (1) Le Comité a les pouvoirs suivants : |

| | | |
|---|---|---|
| (a) gushyiraho amategeko ngengamikorere, uburyo bw'imikorere no gutanga imirongo ngenderwaho n'amabwiriza iyo ari ngombwa; | (a) to establish procedures, mechanisms and issue guidelines and instructions if considered necessary; | (a) établir des procédures, des mécanismes et émettre des lignes directrices et des instructions lorsque cela est jugé nécessaire ; |
| (b) kugera ku makuru yerekeye imari, ubuyobozi n'ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko; | (b) to access financial, administrative and law enforcement information; | (b) accéder aux informations financières, administratives et d'application de la loi ; |
| (c) gusaba inyandiko zayifasha kurangiza inshingano zayo; | (c) to request for documents which may help it to achieve its mission; | (c) demander des documents susceptibles de l'aider à accomplir sa mission ; |
| (d) gushyira no gukura umuntu ku rutonde. | (d) to make designation and delisting. | (d) faire la désignation et la radiation. |
| (2) Ugize Komite cyangwa undi muntu, atabiherewe uburenganzira na Komite mu nyandiko, ntiyemerewe gutangaza cyangwa guhishurira undi muntu, hanze y'inshingano ze, ibikubiye mu nyandiko cyangwa mu itumanaho cyangwa amakuru bijyanye n'inshingano ze cyangwa yamenye igihe yakoraga inshingano ze. | (2) A member of the Committee or another person, without a written consent of the Committee, cannot publish or disclose to any person, out of the scope of his or her duties, the contents of a document or communication or information relating to his or her duties or known when exercising his or her duties. | (2) Un membre du Comité ou une autre personne, sans le consentement écrit du Comité, ne peut pas publier ou divulguer à une autre personne, en dehors de l'exercice de ses fonctions, le contenu d'un document ou d'une communication ou des informations qui se rapportent à ses fonctions ou dont il a pris connaissance dans l'exercice de ses fonctions. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Itumizwa ry'inama ya Komite** | **<u>Article 6</u>: Convening the meeting of the Committee** | **<u>Article 6</u> : Convocation de la réunion du Comité** |
| (1) Inama ya Komite itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida cyangwa | (1) The meeting of the Committee is convened and chaired by the | (1) La réunion du Comité est convoquée et présidée par le Président ou le |

| | | |
|---|---|---|
| Visi Perezida iyo Perezida adahari. | Chairperson or the Deputy Chairperson in absence of the Chairperson. | Vice-Président, en cas d'absence du Président. |
| (2) Abagize Komite batumirwa mu nama yayo nibura iminsi 14 mbere y'uko inama iterana hakoreshejwe ubutumire bukubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa buherekejwe n'inyandiko zizifashishwa mu nama. | (2) Members of the Committee are invited to its meeting at least 14 days before the date of the meeting through an invitation containing the agenda and accompanied by working documents. | (2) Les membres du Comité sont invités à sa réunion au moins 14 jours avant la tenue de la réunion par voie de d'invitation indiquant l'ordre du jour et accompagné des documents de travail. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Iterana ry'inama ya Komite** | **<u>Article 7</u>: Holding of a meeting of the Committee** | **<u>Article 7</u> : Tenue de la réunion du Comité** |
| (1) Inama ya Komite iterana kabiri mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, ku munsi n'ahantu bigenwa na Perezida. Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize. | (1) The meeting of the Committee is held twice a year and whenever necessary at the time and place determined by the Chairperson. The quorum for the meeting of the Committee to be held is two thirds of its members. | (1) La réunion du Comité se tient deux fois par an et chaque fois que de besoin au jour et au lieu déterminés par le Président. Le quorum pour la tenue de la réunion du Comité est de deux tiers de ses membres. |
| (2) Inama yitabirwa n'abagize Komite ubwabo. Guhagararirwa ntibyemewe. | (2) The meeting is attended by members of the Committee themselves. Delegation is not allowed. | (2) La réunion est suivie par les membres du Comité en personne. La délégation n'est pas autorisée. |
| (3) Komite ishyiraho amabwiriza agenga inama zayo n'uburyo bwo gufata ibyemezo. | (3) The Committee establishes rules governing its meetings and deliberation proceedings. | (3) Le Comité établit les règles régissant ses réunions et les procédures de délibération. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Ibishingirwaho mu gushyira ku rutonde** | **<u>Article 8</u>: Designation criteria** | **<u>Article 8</u> : Critères de désignation** |
| (1) Umuntu umenye amakuru ya | (1) A person who becomes aware of | (1) Une personne qui prend |

| | | |
|---|---|---|
| ngombwa yafasha gushyira ku rutonde rw'Igihugu atanga ayo makuru kuri Komite. | relevant information to the designation on domestic list submits that information to the Committee. | connaissance des informations pertinentes pour la désignation sur la liste nationale soumet ces informations au Comité. |
| (2) Komite, binyuze mu gusuzuma raporo zerekeranye n'ubutasi zatanzwe n'abayobozi babifiye ububasha, igaragaza abantu bagomba gushyira ku rutonde. Igikorwa cyo kugaragaza abashyirwa ku rutonde cyibanda ku bantu bafite ibimenyetso by'ingenzi bigaragaza ko bari mu runana rwo gushyigikira iterabwoba. | (2) The Committee through a review of relevant intelligence reports from competent authorities, identifies targeted persons for designation. The identification process focuses on persons that represent key elements of terrorist support networks. | (2) Le Comité, à travers un examen des rapports relatifs au renseignement provenant des autorités compétentes, identifie les personnes ciblées à désigner. Le processus d'identification se concentre sur les personnes qui représentent des éléments clés des réseaux de soutien au terrorisme. |
| (3) Komite, ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'ikindi gihugu, ishyira ku rutonde umuntu iyo hari impamvu zifatika zirimo kuba uwo muntu – | (3) The Committee, on its own initiative or at the request of another country, designates a person if there are reasonable grounds including that the person – | (3) Le Comité, de sa propre initiative ou à la demande d'un autre pays, désigne une personne lorsqu'il y a des motifs raisonnables, y compris que cette personne – |
| (a) yakoze, yagerageje gukora, akora cyangwa agerageza gukora ibikorwa by'iterabwoba mu Rwanda cyangwa ahandi; | (a) committed, attempted to commit, commits or attempts to commit terrorist acts in Rwanda or elsewhere; | (a) a commis, tenté de commettre, commet ou tente de commettre des actes terroristes au Rwanda ou ailleurs ; |
| (b) yateye inkunga, yagerageje gutera inkunga, atera inkunga cyangwa agerageza gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba cyangwa iterabwoba mu Rwanda cyangwa ahandi; | (b) financed, attempted to finance, finances or attempts to finance terrorist acts or terrorism in Rwanda or elsewhere; | (b) a financé, tenté de financer, finance ou tente de financer des actes terroristes ou le terrorisme au Rwanda ou ailleurs ; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) yagize uruhare, yafashije, agira uruhare cyangwa afasha ikorwa ry'igikorwa cy'iterabwoba mu Rwanda cyangwa ahandi; | (c) participated in, facilitated, participates in or facilitates the commission of a terrorist act in Rwanda or elsewhere; | (c) a participé, facilité, participe ou facilite la commission d'un acte terroriste au Rwanda ou ailleurs; |
| (d) yemeye cyangwa yemera kuba mu maboko cyangwa kugenzurwa, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'umuntu washyizwe ku rutonde; | (d) accepted or accepts to be owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person; | (d) a accepté ou accepte d'être détenu ou contrôlé, directement ou indirectement, par une personne désignée ; |
| (e) yarakoze cyangwa akora mu izina cyangwa ahabwa amabwiriza n'umuntu washyizwe ku rutonde mu gukora ibikorwa bifitanye isano n'iterabwoba; | (e) acted or acts on behalf or at the direction of a designated person in carrying out acts related to terrorism; | (e) a agi ou agit au nom ou selon les instructions d'une personne désignée dans l'accomplissement des actes connexes au terrorisme ; |
| (f) yaragize uruhare cyangwa agira uruhare mu gutera inkunga, kugena imigambi, gufasha, gutegura cyangwa gukora igikorwa cy'iterabwoba, afatanyije n'umuntu washyizwe ku rutonde, cyangwa abikoze mu izina ry'uwo muntu, mu mwanya w'uwo muntu, cyangwa mu rwego rwo gutera inkunga uwo muntu; | (f) participated or participates in the financing, planning, facilitating, preparing, or perpetrating of a terrorist act by, in conjunction with, under the name of, on behalf of, or in support of a designated person; | (f) a participé ou participe au financement, à la planification, à la facilitation, à la préparation ou à la perpétration d'acte terroriste par, en collaboration avec, sous le nom, pour le compte ou en soutien d'une personne désignée ; |
| (g) yagemuye, yagurishije, yohereje, cyangwa agemura, agurisha, yohereza intwaro cyangwa | (g) supplied, sold, transferred, or supplies, sells, transfers arms or a related material to a designated | (g) a fourni, a vendu, a transféré ou fournit, vend, transfère les armes ou un matériel connexe à une |

| | | |
|---|---|---|
| igikoresho gifitanye isano na zo umuntu washyizwe ku rutonde; | person; | personne désignée ; |
| (h) yafashije cyangwa afasha kugera ku ntwaro cyangwa igikoresho gifitanye isano na zo umuntu washyizwe ku rutonde; | (h) facilitated or facilitates access to arms or a related material to a designated person; | (h) a facilité ou facilite l'accès aux armes ou à un matériel connexe à une personne désignée ; |
| (i) yashakiye cyangwa ashakira abakozi umuntu washyizwe ku rutonde cyangwa yafashije cyangwa afasha mu bundi buryo igikorwa cy'iterabwoba cy'umuntu washyizwe ku rutonde; | (i) recruited or recruits for a designated person or otherwise supported or supports a terrorist act of a designated person; | (i) a recruté ou recrute pour une personne désignée ou a soutenu ou soutient d'une autre manière l'acte terroriste d'une personne désignée ; |
| (j) yateye inkunga cyangwa atera inkunga urugendo rw'umuntu hagamijwe gukora, gutegura cyangwa kugira uruhare mu gikorwa cy'iterabwoba hagamijwe gutanga cyangwa guhabwa amahugurwa ku iterabwoba; | (j) financed or finances the travel of an individual for the purpose of the perpetration, planning or preparation of, or participation in a terrorist act or for the purposes of providing or receiving terrorist training; | (j) a financé ou finance le voyage d'un individu dans le but de perpétrer, de planifier, de préparer ou de participer à l'acte terroriste ou dans les buts de fournir ou de recevoir une formation terroriste ; |
| (k) yakoze urugendo, yagerageje gukora cyangwa yagambiriye gukora urugendo cyangwa akora urugendo, agerageza cyangwa agambiriye gukora urugendo hagamijwe gukora, gutegura imigambi cyangwa gutegura cyangwa kugira uruhare mu | (k) travelled, attempted to travel or intended to travel or travels, attempts to travel or intends to travel for the purpose of the perpetration, planning or preparation of, or participation in terrorist acts or for the purposes of providing or receiving terrorist | (k) a voyagé, a tenté de voyager ou a eu l'intention de voyager ou voyage, tente de voyager ou a l'intention de voyager dans le but de perpétrer, de planifier, de préparer ou de participer à des actes terroristes ou dans les buts de fournir ou de recevoir une |

| | | |
|---|---|---|
| bikorwa by'iterabwoba cyangwa hagamijwe gutanga cyangwa guhabwa amahugurwa ku iterabwoba; | training; | formation terroriste ; |
| (l) yagize cyangwa agira uruhare mu gukora, gutegura cyangwa gukangurira abandi igikorwa cy'iterabwoba; | (l) was or is involved in the commission, preparation or instigation of an act of terrorism; | (l) a été ou est impliquée dans la commission, dans la préparation ou dans l'instigation d'un acte de terrorisme ; |
| (m) yagize cyangwa agira uruhare mu gukora, mu gutegura cyangwa gukangurira abandi igikorwa cyo gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwaro za kirimbuzi; | (m) was or is involved in the commission, preparation or instigation of an act of financing of proliferation of weapons of mass destruction; | (m) a été ou est impliquée dans la commission, dans la préparation ou dans l'instigation d'un acte de financement de la prolifération d'armes de destruction massive ; |
| (n) yari cyangwa ari umunyamuryango w'umutwe w'iterabwoba, cyangwa ari umunyamuryango cyangwa nyir'ikigo cyashyizwe ku rutonde; | (n) was or is a member of a terrorist organisation, or a member or the owner of a designated entity; | (n) a été ou est membre d'une organisation terroriste, ou membre ou propriétaire d'une entité désignée ; |
| (o) yagiranye cyangwa afitanye imikoranire n'umuntu washyizwe ku rutonde kandi hari impamvu zizewe zemeza ko uwo muntu ateje impungenge ku mutekano w'Igihugu; | (o) had or has links with a designated person, and it is reasonably believed that the person is a risk to the national security; | (o) avait ou a des liens avec une personne désignée et il est raisonnable de croire que cette personne présente un risque pour la sécurité nationale ; |
| (p) yacyetsweho cyangwa akekwaho kugira uruhare mu gikorwa | (p) was or is suspected to be involved in a terrorist act; or | (p) a été ou est soupçonnée d'être impliqué dans un acte terroriste ; |

| | | |
|---|---|---|
| cy'iterabwoba;<br><br>(q) cyangwa yaragenzurwaga cyangwa agenzurwa cyangwa ayoborwa n'abantu bari hanze y'u Rwanda kandi Komite ikaba ifite impamvu zumvikana ko uwo muntu agira uruhare mu gukora, gutegura cyangwa gukangurira abandi igikorwa cy'iterabwoba. | (q) was or is subjected to the control or influence of persons outside Rwanda, and the Committee has reasonable grounds to suspect that the person is involved in the commission, preparation or instigation of an act of terrorism. | ou<br><br>(q) a été ou est soumise au contrôle ou à l'influence des personnes en dehors du Rwanda, et le Comité a les motifs raisonnables de soupçonner que cette personne est impliquée dans la commission, dans la préparation ou dans l'instigation d'un acte de terrorisme. |
| (4) Iyo Komite isanze umuntu yujuje ibishingirwaho kugira ngo ashyirwe ku rutonde, ako kanya Komite ishyira uwo muntu ku rutonde kandi ikamenyekanisha urutonde rw'abantu bashyizwe ku rutonde bitarenze amasaha 24 nyuma yo gushyira ku rutonde. | (4) If the Committee is satisfied that the person meets designation criteria, it immediately designates the person and disseminates the list of designated persons not later than 24 hours after a designation. | (4) Lorsque le Comité est convaincu que la personne répond aux critères de désignation, il désigne immédiatement cette personne et communique la liste des personnes désignées au plus tard 24 heures après la désignation. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga bwo gushyira ku rutonde** | **<u>Article 9</u>: Request of a foreign country for designation** | **<u>Article 9</u> : Demande de désignation par un pays étranger** |
| (1) Igihugu cy'amahanga gishobora, hashingiwe ku mwanzuro wa 1373 (2001) w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi cyangwa ku yindi nshingano mpuzamahanga ishingiye ku mategeko, gusaba Leta y'u Rwanda gushyira ku rutonde. | (1) A foreign country may, pursuant to United Nations Security Council Resolution 1373 (2001) or any other international legal obligation, request the Government of Rwanda for designation. | (1) Un pays étranger peut, en vertu de la résolution 1373 (2001) du Conseil de sécurité des Nations Unies ou d'une autre obligation juridique internationale, demander la désignation au Gouvernement du Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Ubusabe bw'igihugu cy'amahanga kuri Leta y'u Rwanda bwo gushyira ku rutonde bugaragaza nibura ibi bikurikira: | (2) The request of a foreign country to the Government of Rwanda for designation provides at least the following: | (2) La demande de désignation adressée par un pays étranger au Gouvernement du Rwanda fournit au moins ce qui suit : |
| (a) amakuru ya ngombwa y'umuntu usabirwa gushyirwa ku rutonde, harimo amakuru ahagije y'umwirondoro w'uwo muntu; | (a) relevant information about the proposed designated person as possible, including sufficient identification information of the person; | (a) les informations pertinentes sur la personne proposée à la désignation, y compris les informations suffisantes d'identification de cette personne ; |
| (b) ishingiro ryo gusaba ko umuntu ashyirwa ku rutonde, harimo amakuru yihariye ashimangira ko uwo muntu yujuje ibishingirwaho kugira ngo ashyirwe ku rutonde n'andi makuru cyangwa inyandiko byo gushyigikira ubusabe. | (b) the basis for the proposed designation, including specific information to support a determination that the person meets the designation criteria together with any other supporting information or documents. | (b) le fondement de la désignation proposée, y compris les informations spécifiques pour appuyer la détermination que la personne répond aux critères de désignation ainsi que d'autres informations ou documents à l'appui. |
| (3) Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga n'ubutwererane mu nshingano, ikimara kwakira ubusabe bwo gushyira ku rutonde, ibushyikiriza Komite. | (3) The Ministry in charge of foreign affairs and international cooperation, upon receipt of a request for designation, submits it to the Committee. | (3) Le Ministère chargé des affaires étrangères et de la coopération, dès réception de la demande de désignation, soumet cette demande au Comité. |
| (4) Gushyira ku rutonde bikorwa hukurikijwe ibishingirwaho biteganyijwe mu ngingo ya 8. | (4) Designation is carried out in accordance with criteria provided for in Article 8. | (4) La désignation est faite conformément aux critères prévus à l'article 8. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ubusabe bw'u Rwanda ku gihugu cy'amahanga bwo gushyira ku** | **<u>Article 10</u>: Request of Rwanda to a foreign country for designation** | **<u>Article 10</u> : Demande de désignation auprès d'un pays étranger par le Rwanda** |

| | | |
|---|---|---|
| **rutonde** | | |
| Komite ishyikiriza igihugu cy'amahanga ubusabe bwo gushyira ku rutonde bukubiyemo amakuru abushyigikira arimo aya akurikira: | The Committee submits to a foreign country the request for designation containing supporting information including the following: | Le Comité soumet à un pays étranger une demande de désignation contenant les informations à l'appui y compris ce qui suit : |
| (a) amakuru aranga umuntu afasha kumenya umwirondoro nyakuri, amafoto n'andi makuru y'ibipimo ndangamiterere y'umuntu, iyo bishoboka; | (a) identifying information to allow for the accurate and positive identification of the person, photographs and other biometric data of the individual, where applicable; | (a) les informations d'identification permettant l'identification précise et positive de cette personne, les photos et d'autres données biométriques de l'individu, le cas échéant ; |
| (b) isobanurampamvu rikubiyemo amakuru arambuye ku ishingiro ryo gushyira ku rutonde arimo – | (b) a statement of case which contains details on the basis of the designation, including – | (b) un exposé des motifs contenant les détails sur le fondement de la désignation y compris – |
| (i) amakuru yihariye atuma hemezwa ko uwo muntu yujuje ibishingirwaho mu gushyira ku rutonde; | (i) specific information supporting the determination that the person meets the designation criteria; | (i) les informations spécifiques appuyant la détermination que la personne répond aux critères de désignation ; |
| (ii) imiterere y'amakuru; | (ii) nature of the information; | (ii) la nature des informations ; |
| (iii) andi makuru cyangwa inyandiko bishyigikira ubusabe bishobora gutangwa; | (iii) other supporting information or documents that can be provided; | (iii) les autres informations ou documents à l'appui qui peuvent être fournis ; |
| (iv) amakuru arambuye yerekeye uwo muntu usabirwa gushyirwa ku rutonde n'umuntu usanzwe aruriho; | (iv) details of a connection between the person proposed for designation and currently designated person; and | (iv) les détails d'un lien entre la personne proposée à la désignation et la personne déjà désignée ; et |

| | | |
|---|---|---|
| (v) n'andi makuru ya ngombwa hakurikijwe amategeko y'icyo gihugu cy'amahanga. | (v) other relevant information as per the legislation of the foreign country. | (v) les autres informations pertinentes selon la législation de ce pays étranger. |
| **Ingingo ya 11: Gutangaza no kumenyekanisha urutonde rw'Igihugu** | **Article 11: Publication and dissemination of domestic list** | **Article 11 : Publication et communication de la liste nationale** |
| (1) Urutonde rw'Igihugu rutanga amakuru akurikira ku muntu washyizwe ku rutonde: | (1) The domestic list provides the following information on the designated person: | (1) La liste nationale fournit les informations suivantes sur la personne désignée : |
| (a) amazina, harimo irihimbano cyangwa inyito ye; | (a) names including alias or title; | (a) les noms, y compris le pseudonyme ou le titre ; |
| (b) ahantu yavukiye n'itariki y'amavuko; | (b) place and date of birth; | (b) le lieu et la date de naissance ; |
| (c) uburyo ikigo cyashinzwe; | (c) establishment or incorporation; | (c) l'établissement ou la constitution ; |
| (d) ubwenegihugu bw'inkomoko cyangwa ubwo yahawe; | (d) original or acquired nationality; | (d) la nationalité d'origine ou acquise ; |
| (e) nomero ya pasiporo, nomero y'ikarita ndangamuntu cyangwa nomero yanditseho; | (e) passport number, identity card number or registration number; | (e) le numéro de passeport, le numéro de la carte d'identité ou le numéro d'enregistrement ; |
| (f) igitsina; | (f) sex; | (f) le sexe ; |
| (g) aho aba cyangwa akorera, agasanduku k'iposita cyangwa icyicaro cyanditse; | (g) physical, postal address or registered office; | (g) l'adresse physique, postale ou le siège social ; |

| | | |
|---|---|---|
| (h) umwuga cyangwa icyo akora; | (h) profession or occupation; | (h) la profession ou occupation ; |
| (i) nomero ya telefoni; | (i) telephone number; | (i) le numéro de téléphone ; |
| (j) imiterere y'ubucuruzi, aho ubucuruzi bukorerwa n'inzego ziyobora ubucuruzi; | (j) nature of business, place of business and governing bodies; | (j) la nature d'activité commerciale, le lieu d'activité commerciale et les organes directeurs ; |
| (k) umwirondoro w'abayobozi, uw'abanyamigabane n'uw'abagenerwabikorwa nyabo b'umuntu washyizwe ku rutonde iyo ari ikigo gifite ubuzimagatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku mategeko; | (k) the identity of directors, shareholders and beneficial owners of the designated person if it is a legal person or legal arrangement; | (k) l'identité des directeurs, des actionnaires et des bénéficiaires effectifs de la personne désignée lorsqu'il s'agit d'une personne morale ou d'une construction juridique ; |
| (l) ibisobanuro bigufi by'impamvu zo gushyira ku rutonde; | (l) brief description of reasons for designation; | (l) la brève description des motifs de la désignation ; |
| (m) andi makuru Komite ishobora kubona ari ngombwa. | (m) other information which the Committee may consider relevant. | (m) les autres informations que le Comité peut juger nécessaires. |
| (2) Iyo Komite yemeje gushyira ku rutonde, Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano itangaza ako kanya urutonde rw'Igihugu ku rubuga rwayo rwa murandasi no mu binyamakuru byagenwe na Komite. | (2) If the Committee approves the designation, the Ministry in charge of justice, immediately publishes the domestic list on its website, and newspapers determined by the Committee. | (2) Lorsque le Comité approuve la désignation, le Ministère ayant la justice dans ses attributions, publie immédiatement la liste nationale sur son site web et dans les journaux déterminés par le Comité. |
| (3) Nyuma yo gutangaza uwashyizwe ku rutonde, Urwego rumenyekanisha | (3) After publication of designation, the Centre immediately disseminates the | (3) Après la publication de la désignation, le Centre communique |

| | | |
|---|---|---|
| ako kanya urutonde rw'Igihugu ruhujwe n'igihe ku nzego zireberera, abashinzwe gutanga amakuru n'urundi rwego rwa Leta cyangwa rwigenga bireba. | updated domestic list to supervisory authorities, reporting persons and any other relevant State organ or private institution. | immédiatement la liste nationale mise à jour aux autorités de contrôle, aux personnes déclarantes et à l'autre organe de l'État ou à l'institution privée concernée. |
| (4) Iyo urutonde rw'Igihugu rutangajwe, ibibujijwe byubahirizwa ako kanya. | (4) If the domestic list is published, the prohibitions apply immediately. | (4) Lorsque la liste nationale est publiée, les interdictions s'appliquent immédiatement. |
| **Ingingo ya 12: Kumenyesha umuntu washyizwe ku rutonde** | **Article 12: Notifying a designated person** | **Article 12 : Notifier la personne désignée** |
| (1) Nyuma yo gushyira ku rutonde, Komite imenyesha ako kanya uwashyizwe ku rutonde ibi bikurikira: | (1) After designation, the Committee immediately notifies the designated person of the following: | (1) Après la désignation, le Comité notifie immédiatement la personne désignée de ce qui suit : |
| (a) impamvu zo gushyirwa ku rutonde; | (a) grounds for designation; | (a) les motifs de la désignation ; |
| (b) amakuru yashingiweho mu gushyira ku rutonde, uretse amakuru Komite ibona ari ngombwa ko yakomeza kugirwa ibanga ku mpamvu z'umutekeno w'Igihugu; | (b) information relied on in making the designation, excluding information that the Committee considers necessary to remain confidential for reasons related to national security; | (b) les informations sur lesquelles s'est fondée la désignation, à l'exclusion des informations que le Comité juge nécessaires de rester confidentielles pour les motifs liés à la sécurité nationale ; |
| (c) uburenganzira bwo kujuririra Komite no kuregera inkiko; | (c) right to appeal to the Committee and judicial review; | (c) le droit d'appel auprès du Comité et de saisir la juridiction ; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) amafaranga cyangwa undi mutungo atemerewe gukoresha; | (d) frozen funds or other assets; | (d) les fonds ou autres biens gelés ; |
| (e) inzira zikurikizwa mu gusiba ku rutonde; | (e) procedures for delisting; | (e) les procédures de radiation ; |
| (f) andi makuru Komite ishobora kugena. | (f) any other information that the Committee may determine. | (f) les autres informations que le Comité peut déterminer. |
| (2) Iyo umuntu washyizwe ku rutonde ari Umunyarwanda cyangwa umuturage w'u Rwanda, cyangwa ari ikigo cyanditse mu Rwanda, Komite itanga itangazo rigezwa ahantu hanyuma hazwi uwashyizwe ku rutonde yabarizwaga cyangwa yakoreraga ubucuruzi mu Rwanda. | (2) If a designated person is a citizen or resident of Rwanda, or is registered or incorporated in Rwanda, the Committee issues the notice to be served at the designated person's last known residence address or business address in Rwanda. | (2) Lorsque la personne désignée est un citoyen ou un résident du Rwanda, ou lorsqu'elle est enregistrée ou constituée au Rwanda, le Comité émet un avis à signifier à la dernière adresse de résidence ou commerciale connue de la personne désignée au Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Gutakamba no kwiyambaza inkiko** | **<u>Article 13</u>: Appeal for reconsideration and judicial review** | **<u>Article 13</u> : Recours en réexamen et recours à la juridiction** |
| (1) Umuntu washyizwe ku rutonde utishimiye icyemezo cyamufatiwe ashobora gutakambira Komite mu nyandiko. | (1) A designated person who is not satisfied with the decision taken against him or her may file his or her appeal, in writing, for reconsideration to the Committee. | (1) La personne désignée qui n'est pas satisfaite de la décision prise en son encontre peut soumettre, par écrit, un recours en réexamen auprès du Comité. |
| (2) Gutakamba bikorwa mu gihe kitarenze iminsi 15 ibarwa uhereye ku munsi Komite yamenyeshereje umuntu washyizwe ku rutonde icyemezo cyamufatiwe. | (2) The appeal for reconsideration is filed within 15 days from the date on which the Committee notified the designated person of the decision taken against him or her. | (2) Le recours en réexamen est fait endéans 15 jours à compter du jour auquel le Comité a notifié à la personne désignée la décision prise à son encontre. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Komite ifata icyemezo ku gutakamba kandi ikamenyesha mu nyandiko igisubizo cyayo umuntu washyizwe ku rutonde mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsi yakiriyeho ugutakamba. | (3) The Committee decides on the appeal and notifies its response in writing to designated person within 30 days from the date of receipt of the appeal for reconsideration. | (3) Le Comité prend la décision sur le recours en réexamen et notifie sa décision par écrit à la personne désignée endéans 30 jours à compter du jour de réception du recours en réexamen. |
| (4) Iyo umuntu washyizwe ku rutonde atishimiye icyemezo cyafashwe na Komite cyangwa iyo Komite itamusubije mu gihe giteganywa mu gika cya (3) ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha cyangwa urundi rwego rwigenga rubifitiye ububasha hakurikijwe amategeko abigenga. | (4) If a designated person is not satisfied with a decision of the Committee or if the Committee did not respond to his or her appeal within time provided for in Paragraph (3) may refer the matter to the competent court or other independent competent authority in accordance with relevant legislation. | (4) Lorsque la personne désignée n'est pas satisfaite de la décision du Comité, ou lorsque le Comité n'a pas répondu à son recours dans le délai prévu au paragraphe (3) peut saisir la juridiction compétente ou l'autre autorité compétente indépendante selon la législation en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Gusiba ku rutonde rw'Igihugu** | **<u>Article 14</u>: Domestic delisting** | **<u>Article 14</u> : Radiation sur la liste nationale** |
| (1) Umuntu washyizwe ku rutonde cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu ashyikiriza Komite ubusabe bwo gusiba ku rutonde mu buryo butaziguye akoresheje uburyo bushobora kubika amakuru mu buryo bw'inyandiko cyangwa imeyili. | (1) A designated person or any other interested person submits a request for delisting directly to the Committee, by any means that affords a record in writing, or e-mail. | (1) La personne désignée ou une autre personne intéressée soumet la demande de radiation directement au Comité, par tout moyen permettant d'en conserver une trace écrite, ou par courrier électronique. |
| (2) Ubusabe bwo gusiba ku rutonde buba burimo amakuru ahagije akubiyemo umwirondoro, ibisobanuro byo gusiba ku rutonde n'inyandiko zibishyigikira. | (2) The request for delisting contains sufficient information including the identification, the justification for delisting and supporting documents. | (2) La demande de radiation contient les informations suffisantes y compris l'identification, la justification de la radiation et les documents à l'appui. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Komite isuzuma ubusabe bwo gusiba ku rutonde kandi ikamenyesha mu nyandiko icyemezo cyayo uwasabye mu gihe kitarenze amezi abiri abarwa uhereye ku munsi yakiriyeho ubusabe. Icyemezo cya Komite ntikijuririrwa cyangwa ngo gitakambirwe ariko uwasabye ashobora gutanga ubusabe bushya. | (3) The Committee considers the request for delisting and notifies the requesting person of the decision in writing within two months from the date of receipt of the request. The decision of the Committee is not subject to appeal or reconsideration but a requesting person may submit a new request. | (3) Le Comité examine la demande de radiation et notifie par écrit au demandeur de la décision endéans deux mois à compter du jour de la réception de la demande. La décision du Comité ne fait pas l'objet d'appel ou de réexamen mais le demandeur peut présenter une nouvelle demande. |
| (4) Iyo Komite ibonye ko umuntu washyizwe ku rutonde atacyujuje ibishingirwaho mu gushyira ku rutonde, yapfuye cyangwa atakiriho hakurikijwe amategeko abigenga, isiba uwo muntu ku rutonde rw'Igihugu. | (4) If the Committee determines that a designated person no longer meets the criteria for designation, is dead or no longer exists in accordance with relevant laws, the Committee delists the person from the domestic list. | (4) Lorsque le Comité détermine que la personne désignée ne répond plus aux critères de désignation, qu'elle est décédée ou qu'elle n'existe plus conformément à la législation en la matière, le Comité radie la personne de la liste nationale. |
| (5) Nyuma y'uko izina n'ibiranga umuntu washyizwe ku rutonde bikuwe ku rutonde, Komite imenyesha aho uwasibwe ku rutonde yabarizwaga bwa nyuma cyangwa yakoreraga ubucuruzi hazwi mu Rwanda. | (5) After the name and other particulars of the designated person have been removed from the list of designated persons, the Committee serves a notice to the designated person's last known residence address or business address in Rwanda. | (5) Après que le nom et une autre identification de la personne désignée ont été retirés de la liste des personnes désignées, le Comité émet l'avis à la dernière adresse de résidence ou à l'adresse commerciale connue de la personne désignée au Rwanda. |
| (6) Urwego rumenyekanisha ako kanya urutonde rw'abashyizwe ku rutonde ruhujwe n'igihe ku rwego rugenzura, ku bashinzwe gutanga amakuru no ku rundi rwego rwa Leta cyangwa | (6) The Centre immediately disseminates the updated list of designated persons to the supervisory authority, the reporting persons and any other relevant State organ or private | (6) Le Centre diffuse immédiatement la liste des personnes désignées mise à jour à l'autorité de contrôle, aux personnes déclarantes et à l'autre organe de l'État ou l'institution |

| | | |
|---|---|---|
| urw'abikorera bireba bibitse amafaranga cyangwa undi mutungo byarebwaga n'icyemezo cyo gushyira ku rutonde rubasaba kubahiriza icyemezo cyo gusiba ku rutonde no kwemerera gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo byari byarahagaritswe. | institution holding the targeted funds or other assets requesting them to respect the delisting decision and unfreeze funds or other assets. | privée concernée détenant les fonds ou les autres biens ciblés, leur demandant de respecter la décision de radiation et de dégeler les fonds ou les autres biens. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Kumenyekanisha urutonde rw'ibihano** | **<u>Article 15</u>: Dissemination of the sanctions list** | **<u>Article 15</u> : Diffusion de la liste des sanctions** |
| (1) Urwego rukurikirana intonde z'ibihano buri munsi. | (1) The Centre daily monitors the sanctions lists. | (1) Le Centre fait quotidiennement le suivi des listes des sanctions. |
| (2) Iyo hari umuntu mushya ushyizwe ku rutonde cyangwa hari impinduka ku rutonde rusanzwe rw'ibihano, ako kanya Urwego – | (2) If there is a new designation or changes on the existing sanctions list, the Centre immediately – | (2) Lorsqu'il y a la nouvelle désignation ou le changement sur la liste des sanctions existante, immédiatement le Centre – |
| (a) rutanga mu itangazo ku rubuga rwarwo rwa murandasi intonde nshya z'ibihano harimo n'abazisibweho; | (a) gives public notice of the new sanctions lists, including delisting therefrom, on its website; and | (a) publie, sur son site web, un avis sur les nouvelles listes de sanctions y compris la radiation ; et |
| (b) kandi rumenyekanisha urutonde rw'ibihano cyangwa impinduka zarukozweho harimo no kurusibwaho, ku bashinzwe gutanga amakuru, ku nzego zigenzura, ku bagize Komite, no ku zindi nzego za Leta bireba binyuze mu nzira zemewe zo | (b) disseminates the sanctions list or changes thereto, including delisting therefrom, to reporting persons, supervisory authorities, members of the Committee and any other relevant public authorities through official channels of communication. | (b) diffuse la liste des sanctions ou les modifications qui y sont apportées, y compris la radiation, aux personnes déclarantes, aux autorités de contrôle, aux membres du Comité et aux autres autorités publiques compétentes à travers |

gutangaza amakuru.

(3) Urwego rumenyekanisha ibibujijwe birebana no gushyira ku rutonde rusanzwe rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye cyangwa gushyirwa ku rutonde bikozwe cyangwa bitegetswe n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi hamwe n'umwanzuro w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi cyangwa Ibiro by'Umuvunyi n'impinduka zakozwe ku rutonde.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Ubusabe bwo gushyira ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye**

(1) Komite ishinzwe kugaragaza umuntu ushyirwa ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye.

(2) Umuntu wakiriye cyangwa umenye amakuru ajyanye no gushyira ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye ayashyikiriza Komite.

(3) The Centre disseminates the prohibitions applicable to an existing designation on a United Nations Sanctions list and to a new designation made by or under the authority of the United Nations Security Council as well as the United Nations Security Council resolution or the Office of Ombudsperson, and changes made on the list.

**<u>Article 16</u>: Proposal for designation on the United Nations Sanctions list**

(1) The Committee is responsible for identifying a person to be designated on a United Nations Sanctions list.

(2) A person who receives or becomes aware of any information relevant to the designation on a United Nations Sanctions list submits that information to the Committee.

les canaux de communication officiels.

(3) Le Centre diffuse les interdictions applicables à la désignation existante sur la liste des sanctions des Nations Unies et à la nouvelle désignation faite par ou sous l'autorité du Conseil de Sécurité des Nations Unies ainsi qu'à la résolution du Conseil de Sécurité des Nations Unies ou l'Office du Médiateur, et les modifications apportées à la liste.

**<u>Article 16</u> : Proposition de désignation sur la liste des sanctions des Nations Unies**

(1) Le Comité est chargé d'identifier la personne à inscrire sur la liste des sanctions des Nations Unies.

(2) La personne qui reçoit ou prend connaissance d'informations pertinentes à la désignation sur la liste des sanctions des Nations Unies soumet ces informations au Comité.

| | | |
|---|---|---|
| (3) Komite isuzuma niba umuntu usabirwa gushyirwa ku rutonde afitanye isano na *ISIL (Daesh), Al-Qaida* cyangwa abandi bantu, amatsinda, ibikorwa n'ibigo bifitanye isano na byo. | (3) The Committee assesses if the person proposed for designation is associated with ISIL (Daesh), Al-Qaida or other individuals, groups, undertakings, and entities associated with them. | (3) Le Comité évalue si la personne proposée à la désignation est associée à l'EIIL *(Daesh), Al-Qaida* ou à d'autres personnes, groupes, entreprises et entités qui leur sont associés. |
| (4) Ibikorwa byerekana ko umuntu afitanye isano na *ISIL (Daesh)* cyangwa *Al-Qaida* bikubiyemo ibikorwa bikurikira, iyo bikozwe ku bufatanye, mu izina, cyangwa mu rwego rwo gushyigikira *ISIL (Daesh), Al-Qaida,* cyangwa selile, agashami, itsinda ryitandukanyije na byo cyangwa ribibikomokaho: | (4) Acts indicating that a person is associated with ISIL (Daesh) or Al-Qaida include any of the following actions, when undertaken by, in conjunction with, under the name of, on behalf of, or in support of ISIL (Daesh), Al-Qaida, or a cell, affiliate, splinter group or derivative thereof: | (4) Les actes ou les activités indiquant que la personne est associée à l'EIIL *(Daesh)* ou *Al-Qaida* comprennent l'un des actes suivants, lorsqu'ils sont entrepris par, en collaboration avec, sous le nom, au nom de ou au soutien à l'EIIL *(Daesh)*, *Al-Qaida*, ou une cellule, une filiale, un groupe dissident ou dérivé de ceux-ci : |
| (a) kugira uruhare mu gutera inkunga, mu igenamigambi, korohereza, gutegura cyangwa gukora ibikorwa; | (a) participating in the financing, planning, facilitating, preparing, or perpetrating of acts; | (a) participer au financement, à la planification, à la facilitation, à la préparation ou à la réalisation des actes ; |
| (b) kugemura, kugurisha cyangwa kohereza intwaro n'ibikoresho bifitanye isano; | (b) supplying, selling or transferring arms and related materials; | (b) fournir, vendre ou transférer des armes et des matériels connexes ; |
| (c) gushaka abakozi cyangwa gushyigikira ibikorwa bya *ISIL (Daesh), Al-Qaida*, cyangwa selile, agashami, itsinda ryitandukanyije na byo cyangwa ribikomokaho; | (c) recruiting or supporting acts of ISIL (Daesh), Al-Qaida, or a cell, affiliate, splinter group or derivative thereof; | (c) recruter ou soutenir les actes d'EIIL*(Daesh)*, d'*Al-Qaida*, ou d'une cellule, d'une filiale, d'un groupe dissident ou dérivé de ceux-ci ; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) gutegura, kuyobora cyangwa gukora ibikorwa birimo ihohotera rishingiye ku gitsina n'uburinganire n'ubwuzuzanye harimo gufata ku ngufu, ubucakara n'ibikorwa byo gushimuta no gucuruza abantu iyo ibyo bikorwa bikorwa na *ISIL (Daesh), Al-Qaida* cyangwa n'abantu, amatsinda, n'ibigo bifitanye isano na byo nk'amayeri y'iterabwoba. | (d) planning, directing, or committing acts involving sexual and gender-based violence including rape, slavery, and cases of abduction and trafficking in persons, when the acts are being used by ISIL(Daesh), Al-Qaida or associated individuals, groups, and entities as a tactic of terrorism. | (d) planifier, diriger ou commettre des actes de violence basée sur le sexe et le genre, y compris le viol, l'esclavage et les cas d'enlèvement et de traite de personnes, lorsque ces actes sont utilisés par l'EIIL *(Daesh), Al-Qaida* ou les individus, les groupes et les entités associés comme tactique de terrorisme. |
| (5) Mbere y'uko Komite isaba ko izina ry'umuntu rishyirwa ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye, yegera igihugu atuyemo cyangwa afitiye ubwenegihugu cyangwa ikigo bireba kugira ngo bishake amakuru y'inyongera. | (5) Before the Committee proposes a name of a person for inclusion on a United Nations Sanctions list, it approaches the State of residence or nationality of the individual or entity concerned to seek additional information. | (5) Avant que le Comité propose un nom de la personne à inclure sur la liste des sanctions des Nations Unies, le Comité contacte l'État de résidence ou de nationalité de la personne ou de l'entité concernée pour obtenir des informations supplémentaires. |
| (6) Iyo hari impamvu zumvikana zemeza ko umuntu yujuje ibishingirwaho kugira ngo ashyirwe ku rutonde, Komite ishyikiriza Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano ubusabe bwo gushyira ku rutonde, binyuze mu nzira za dipolomasi. | (6) If there are reasonable grounds to believe that a person meets the designation criteria, the Committee submits to the United Nations Sanctions Committee a proposal of designation, through diplomatic channels. | (6) Lorsqu'il existe des motifs raisonnables de croire que la personne répond aux critères de désignation, le Comité soumet au Comité des sanctions des Nations Unies la proposition de la désignation par les voies diplomatiques. |
| (7) Mu gusaba Komite y'Umuryango | (7) In proposing for designation to the | (7) En proposant la désignation au |

| | | |
|---|---|---|
| w'Abibumbye ishinzwe ibihano ko umuntu ashyirwa ku rutonde, Komite – | United Nations Sanctions Committee, the Committee – | Comité des sanctions des Nations Unies, le Comité – |
| (a) ikurikiza inzira zikurikizwa, harimo no gukoresha impapuro zabugenewe zikoreshwa mu gushyira ku rutonde, zikubiye mu mwanzuro w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano ku isi cyangwa zishobora kwemezwa hakurikijwe uwo mwanzuro; | (a) follows the procedures, including using standard forms for designation, contained in or as may be adopted pursuant to a United Nations Security Council resolution; | (a) suit les procédures, y compris l'utilisation de formulaires types pour la désignation, contenues dans la résolution du Conseil de sécurité des Nations Unies ou pouvant être adoptées en vertu de celle-ci ; |
| (b) itanga amakuru y'ingenzi ku muntu usabirwa gushyirwa ku rutonde, harimo – | (b) provides relevant information on the proposed person for designation, including – | (b) fournit les informations pertinentes sur la personne proposée pour la désignation, y compris – |
| (i) amakuru aranga umuntu afasha kumenya umwirondoro nyakuri we; | (i) identifying information to allow for the accurate and positive identification of the person; | (i) les informations d'identification permettant l'identification précise et positive de la personne ; |
| (ii) isobanurampamvu rikubiyemo ibisobanuro birambuye ku mpamvu zo gushyira ku rutonde, harimo – | (ii) a statement of case which contains details on the basis of the designation, including – | (ii) un exposé des motifs qui contient les détails sur le fondement de la désignation, y compris – |
| (A) amakuru yihariye ashyigikira icyemezo cy'uko umuntu yujuje | (A) specific information supporting a determination that the person meets the | (A) les informations spécifiques permettant de déterminer que la |

| | | |
|---|---|---|
| ibishingirwaho mu gushyira ku rutonde; | designation criteria; | personne répond aux critères de désignation ; |
| (B) imiterere y'amakuru; | (B) the nature of the information; | (B) la nature des informations ; |
| (C) amakuru cyangwa inyandiko bishyigikira ubusabe bishobora gutangwa; | (C) supporting information or documents that can be provided; and | (C) les informations ou les documents justificatifs qui peuvent être fournis ; et |
| (D) n'ibisobanuro birambuye ku isano iri hagati y'umuntu usabirwa gushyirwa ku rutonde n'umuntu usanzwe ku rutonde; | (D) details of a connection between the proposed person and a currently designated person; | (D) les détails sur le lien entre la personne proposée et la personne actuellement désignée ; |
| (iii) kugaragaza niba Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano cyangwa Ubunyamabanga bw'Umuryango w'Abibumbye mu izina ryayo, cyangwa Ibiro by'Umuvunyi bidashobora kumenyekanisha imiterere y'igihugu gishyira ku rutonde; | (iii) to specify if the United Nations Sanctions Committee or the Secretariat of the United Nations on its behalf, or the Office of the Ombudsperson may not make known the status of designating State; and | (iii) préciser si le Comité des sanctions des Nations Unies ou le Secrétariat des Nations Unies en son nom, ou le Bureau du Médiateur ne peut pas faire connaître le statut de l'État désignant; et |
| (iv) n'andi makuru ya ngombwa ashobora gusabwa | (iv) other relevant information as may be required under a United | (iv) les autres informations pertinentes pouvant être |

hakurikijwe umwanzuro w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi.

(8) Amakuru yatanzwe akoreshwa kandi agatangazwa hubahirijwe ibisabwa ku makuru yahawe Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano, hashingiwe ko isobanurampamvu riteganyijwe mu gika cya (7)(b)(ii) ritangazwa na Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano, ibisabwe, uretse ibice Komite igaragaza ko ari ibanga.

(9) Ubusabe bwo gushyira ku rutonde ntibusaba kuba harabayeho ikurikiranacyaha kandi bikorwa hatabayeho kumenyesha mbere umuntu usabirwa gushyirwa ku rutonde.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Kumenyesha uwashyizwe ku rutonde**

Iyo umuntu washyizwe ku rutonde ari Umunyarwanda cyangwa atuye mu Rwanda, cyangwa ari ikigo cyanditse mu Rwanda, Komite imenyesha uwashyizwe ku rutonde

Nations Security Council resolution.

(8) Information given is subject to conditions restricting the use and disclosure of the information imparted to the United Nations Sanctions Committee, provided that the statement of the case provided for in Paragraph (7)(b)(ii), upon request, is disclosed by the United Nations Sanctions Committee, except for the parts the Committee identifies as being confidential.

(9) A proposal for designation is not conditional upon the existence of criminal proceedings and operates without prior notice to the proposed person to be designated.

**<u>Article 17</u>: Notification of designation**

If a designated person is a citizen or resident of Rwanda, or is incorporated or registered in Rwanda, the Committee notifies the designated person of the designation. The

requises en vertu d'une résolution du Conseil de sécurité des Nations Unies.

(8) Les informations fournies sont soumises à des conditions limitant l'utilisation et la divulgation des informations communiquées au Comité des sanctions des Nations Unies, à condition que l'exposé des motifs prévus au paragraphe (7)(b)(ii) soit divulgué, sur demande, par le Comité des sanctions des Nations Unies, à l'exception des parties que le Comité identifie comme étant confidentielles.

(9) Une proposition de désignation n'est pas conditionnée à l'existence d'une procédure pénale et fonctionne sans notification préalable à la personne proposée à être désignée.

**<u>Article 17</u> : Notification de la désignation**

Lorsque la personne désignée est un citoyen ou un résident du Rwanda, ou lorsqu'elle est enregistrée ou constituée au Rwanda, le Comité lui notifie cette désignation. La

| | | |
|---|---|---|
| uko gushyirwa ku rutonde. Imenyesha rigaragaza ibi bikurikira: | notification includes the following: | notification comprend ce qui suit : |
| (a) incamake yerekana impamvu zo gushyirwa ku rutonde; | (a) the narrative summary of reasons for designation; | (a) le résumé narratif des motifs de la désignation ; |
| (b) ibisobanuro ku nkurikizi zo gushyirwa ku rutonde nk'uko ziteganywa n'imyanzuro y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi; | (b) the description of the effects of designation, as provided for in the United Nations Security Council resolutions; | (b) la description des effets de la désignation comme prévu aux résolutions du Conseil de sécurité des Nations Unies ; |
| (c) ibisobanuro by'amafaranga n'undi mutungo mu by'imari cyangwa umutungo w'ubukungu n'ibindi byemezo bitarebwa n'icyemezo cyo kubuza kubikoresha nk'uko biteganyijwe n'imyanzuro y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi; | (c) the description of funds and other financial assets or economic resources to which the freezing and other measures as provided by the United Nations Security Council resolutions do not apply; | (c) la description des fonds et des autres biens financiers ou des ressources économiques auxquels le gel et les autres mesures prévues par les résolutions du Conseil de sécurité des Nations Unies ne s'appliquent pas ; |
| (d) urwego rwakira ubusabe bwo gusibwa ku rutonde; | (d) the organ to receive the request for delisting; and | (d) l'organe pour recevoir la demande de radiation ; et |
| (e) n'uburyo bwo kohereza no gusuzuma ubusabe bwo gusiba ku rurtonde. | (e) the procedures for submitting and considering delisting requests. | (e) les procédures de soumission et d'examen des demandes de radiation. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ubusabe bwo gusibwa ku rutonde** | **<u>Article 18</u>: Request for delisting** | **<u>Article 18</u> : Demande de radiation** |
| (1) Ubusabe bwo gusibwa ku rutonde | (1) The request for delisting may be done | (1) La demande de radiation peut être |

| | | |
|---|---|---|
| bushobora gutangwa n'umuntu washyizwe ku rutonde binyuze ku mboni cyangwa kuri Leta y'u Rwanda. | by the designated person through the focal point or through the Government of Rwanda. | faite par la personne désignée par l'intermédiaire du point focal ou par l'intermédiaire du Gouvernement du Rwanda. |
| (2) Ubusabe bwo gusibwa ku rutonde butangwa hakoreshejwe uburyo bushobora kubika amakuru mu buryo bw'inyandiko inyujijwe mu iposita cyangwa imeyili ku Biro by'Umuvunyi, ku mboni cyangwa kuri Komite. | (2) The request for delisting is submitted by any means which affords a record in writing by post, or e-mail, to the Office of the Ombudsperson, the focal point or the Committee. | (2) La demande de radiation est soumise par tout moyen permettant d'obtenir une trace écrite par courrier postal ou électronique, au Bureau du Médiateur, au point focal ou au Comité. |
| (3) Ubusabe bwo gusibwa ku rutonde buba burimo amakuru ahagije akubiyemo umwirondoro, impamvu zo gusibwa ku rutonde n'inyandiko zishyigikira ubusabe. Icyemezo cy'Ibiro by'Umuvunyi cyangwa icya Komite ntikijuririrwa cyangwa ngo gisubirwemo ariko uwasabye ashobora gutanga ubusabe bushya. | (3) The request for delisting contains sufficient information including identification, justification for delisting and supporting documents. The decision of the Office of Ombudsperson or the Committee is not subject to appeal or reconsideration but a requesting person may submit a new request. | (3) La demande de radiation contient les informations suffisantes, comprenant l'identification, la justification de la radiation et les documents justificatifs. La décision du Bureau du Médiateur ou du Comité n'est pas susceptible d'appel ou de réexamen, mais la personne qui en fait la demande peut présenter une nouvelle demande. |
| (4) Umuntu washyizwe ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye ari Umunyarwanda cyangwa atuye mu Rwanda, cyangwa ari ikigo cyanditse mu Rwanda, ashobora gushyikiriza ubusabe Komite kugira ngo ifate ibyemezo hashingiwe ku mwanzuro w'Akanama k'Umuryango | (4) A person designated on a United Nations Sanctions list who is a citizen or resident of Rwanda or is incorporated or registered in Rwanda, may submit a request to the Committee to take measures in accordance with the United Nations Security Council resolution for the removal of his or her name from the | (4) La personne désignée sur la liste des sanctions des Nations Unies qui est un citoyen ou résident du Rwanda ou est enregistrée ou constituée au Rwanda peut soumettre une demande au Comité pour prendre les mesures conformément à la résolution du Conseil de sécurité des Nations Unies pour la suppression |

| | | |
|---|---|---|
| w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi wo gusiba izina rye ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye. | United Nations Sanctions list. | de son nom de la liste des sanctions des Nations Unies. |
| (5) Iyo Komite isanze umuntu washyizwe ku rutonde atacyujuje ibishingirwaho mu gushyirwa ku rutonde rw'ibihano by'Umuryango w'Abibumnbye cyangwa iyo Komite yakiriye ubusabe buteganyijwe mu gika cya (1), ishyikiriza ubusabe bwo gusiba ku rutonde Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano. | (5) If the Committee is of the view that a designated person no longer meets the criteria for designation on a United Nations Sanctions list or if the Committee has received a request provided for in Paragraph (1), it submits a request for delisting to the United Nations Sanctions Committee. | (5) Lorsque le Comité estime que la personne désignée ne remplit plus les critères de désignation sur la liste des sanctions des Nations Unies ou lorsque le Comité a reçu la demande prévue au paragraphe (1), il soumet la demande de radiation auprès du Comité des sanctions des Nations Unies. |
| (6) Mbere yo gushyikiriza Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano ubusabe bwo gusiba umuntu ku rutonde, Komite ishobora kugisha inama ibindi bihugu cyangwa amashami y'Umuryango w'Abibumbye bireba. | (6) Before submitting a request for delisting to the United Nations Sanctions Committee, the Committee may consult other relevant States or United Nations entities. | (6) Avant de soumettre la demande de radiation au Comité des sanctions des Nations Unies, le Comité peut consulter les autres États ou entités des Nations Unies concernés. |
| (7) Iyo Komite ishyikirije Komite y'ibihano y'Umuryango w'Abibumbye ubusabe bwo gusiba ku rutonde, ikurikiza inzira zikurikizwa, zirimo gukoresha ifishi yabugenewe yo susiba ku rutonde yemejwe n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi cyangwa Komite | (7) If the Committee submits a request for delisting to the United Nations Sanctions Committee, it follows the procedures, including using any standard form for delisting adopted by the United Nations Security Council or the United Nations Sanctions Committee. The request contains the reasons for submitting the delisting | (7) Lorsque le Comité soumet une demande de radiation au Comité des sanctions des Nations Unies, il suit les procédures, y compris l'utilisation du formulaire type de radiation adopté par le Conseil de sécurité des Nations Unies ou par le Comité des sanctions des Nations Unies. La demande contient les |

y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano. Ubusabe buba bukubiyemo impamvu zo kohereza ubusabe bwo gusiba ku rutonde n'inyandiko zishyigikira ubusabe.

**Ingingo ya 19: Ubusabe bwo gusiba ku rutonde umuntu wapfuye**

Iyo umuntu washyizwe ku rutonde ari Umunyarwanda cyangwa atuye mu Rwanda cyangwa ari ikigo cyanditse mu Rwanda kandi hakaba hari ibimenyetso byemeza ko uwo muntu yapfuye cyangwa icyo kigo kitakiriho, Komite, ibinyujije muri Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano, yohereza Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano ubusabe bwo gusiba uwo muntu ku rutonde.

**Ingingo ya 20: Gutangaza, kumenyesha no kumenyekanisha ugusibwa ku rutonde**

(1) Iyo umuntu wasibwe ku rutonde ari Umunyarwanda cyangwa atuye mu Rwanda cyangwa ari ikigo cyanditse mu Rwanda, Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano itangaza ako kanya izina rye ku rubuga rwayo rwa murandasi no mu binyamakuru byagenwe na Komite.

request and documents supporting the request.

**Article 19: Delisting request for a dead person**

If a designated person is a citizen or resident of Rwanda, or is incorporated or registered in Rwanda, and is confirmed to be dead or no longer exist, the Committee, through the Ministry in charge of foreign affairs, submits to the United Nations Sanctions Committee a request for the delisting of that person.

**Article 20: Publication, notification and dissemination of delisting**

(1) If a delisted person is a citizen or resident of Rwanda, or is incorporated or registered in Rwanda, the Ministry in charge of justice, immediately publishes the name of the delisted person on its website, and newspapers determined by the Committee.

motifs de la soumission de la demande de radiation et les documents à l'appui de la demande.

**Article 19 : Demande de radiation d'une personne décédée**

Lorsqu'une personne désignée est un citoyen ou un résident du Rwanda ou lorsqu'elle est enregistrée ou constituée au Rwanda, et qu'il est confirmé qu'elle est décédée ou n'existe plus, le Comité, par l'intermédiaire du Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions soumet au Comité des sanctions des Nations Unies une demande de radiation de cette personne.

**Article 20 : Publication, notification et diffusion de la radiation**

(1) Lorsqu'une personne radiée est un citoyen ou un résident du Rwanda ou lorsqu'elle est enregistrée ou constituée au Rwanda, le Ministère ayant la justice dans ses attributions, publie immédiatement le nom de la personne radiée sur son site web et dans les journaux déterminés par le Comité.

| | | |
|---|---|---|
| (2) Nyuma yo gutangaza ugusibwa ku rutonde, Urwego rumenyekanisha ako kanya izina ry'uwasibwe ku rutonde ku nzego zireberera, abashinzwe gutanga amakuru n'urundi rwego rwa Leta cyangwa rwigenga bireba. | (2) After publication of delisting, the Centre immediately disseminates the name of the delisted person to supervisory authorities, reporting persons and any other relevant State organ or private institution. | (2) Après la publication de la radiation, le Centre communique immédiatement le nom de la personne radiée aux autorités de contrôle, aux personnes déclarantes et à l'autre organe de l'État ou à l'institution privée concernée. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 21</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 21</u> : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Minisitiri w'Ingabo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Minister of Justice and Attorney General, the Minister of Foreign Affairs and International Cooperation, the Minister of Defence and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux, le Ministre des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale, le Ministre de la Défense et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ingingo y'ururimi** | **<u>Article 22</u>: Language provision** | **<u>Article 22</u> : Disposition linguistique** |
| Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza. | This Order was drafted in English. | Le présent arrêté a été rédigé en anglais. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Ingingo ivanaho** | **<u>Article 23</u>: Repealing provision** | **<u>Article 23</u> : Disposition abrogatoire** |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº 018/03 of 26/08/2021 rigenga Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba rivanyweho. | Prime Minister's Order nº 018/03 of 26/08/2021 governing the National Counter Terrorism Committee is repealed. | L'Arrêté du Premier Ministre nº 018/03 du 26/08/2021 régissant le Comité national de lutte contre le terrorisme est abrogé. |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Gutangira gukurikizwa** | **<u>Article 24</u>: Entry into force** | **<u>Article 24</u> : Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi | This Order comes into force on the date of its | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de |

| | | |
|---|---|---|
| ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

Kigali, 22/01/2025

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**(sé)**

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux